

ITEGEKO N°46/2010 RYO KUWA LAW N°46/2010 OF 14/12/2010 LOI N° 46/2010 DU 14/12/2010 PORTANT
14/12/2010 RIGENA UBUBASHA, DETERMINING THE POWERS, COMPETENCES, ATTRIBUTIONS,
INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT
N'IMIKORERE BYA POLISI Y' U RWANDA FUNCTIONING OF THE RWANDA DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA
NATIONAL POLICE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier : Objet de la présente loi

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

**Ingingo ya 3: Minisiteri ireberera Polisi y'u
Rwanda**

**Article 3: Supervising Ministry of the Rwanda
National Police**

**Article 3: Ministère de tutelle de la Police
Nationale du Rwanda**

Ingingo ya 4: Icyicaro gikuru

Article 4: Headquarters

Article 4: Quartier Général

**Ingingo ya 5: Ubwisanzure mu micungire
y'umutungo n'abakozi**

**Article 5: Financial and administrative
autonomy**

**Article 5: Autonomie financière et
administrative**

**UMUTWE WA II: AMAHAME
N'INSHINGANO BYA POLISI Y'U RWANDA**

**CHAPTER II: PRINCIPLES AND
RESPONSIBILITIES OF THE RWANDA
NATIONAL POLICE**

**CHAPITRE II: PRINCIPES ET
ATTRIBUTIONS DE LA POLICE
NATIONALE DU RWANDA**

**Ingingo ya 6: Amahame Polisi y' u Rwanda
igenderaho**

**Article 6: Principles of the Rwanda National
Police**

**Article 6: Principes de la Police Nationale du
Rwanda**

**Ingingo ya 7: Inshingano za Polisi y'u
Rwanda**

**Article 7: Responsibilities of Rwanda National
Police**

**Article 7: Attributions de la Police Nationale du
Rwanda**

Ingingo ya 8: Ibikorwa by'ingenzi bya Polisi y'u

Article 8: Main activities carried out by the

Article 8: Activités principales de la Police

Rwanda mu kurangiza inshingano zayo	Rwanda National Police in the accomplishment of its mission	Nationale du Rwanda dans l'accomplissement de sa mission
<u>Ingingo ya 9:</u> Ibiranga umupolisi uri mu kazi	<u>Article 9:</u> Identification of a police officer on duty	<u>Article 9:</u> Identification d'un policier dans l'exercice de ses fonctions
<u>UMUTWE WA III:</u> IMITERERE N'INSHINGANO BY'INZEGO Z'UBUYOBOZI N'IZ'IMIRIMO BYA POLISI Y'U RWANDA	<u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION AND RESPONSIBILITIES OF MANAGEMENT ORGANS AND SERVICES OF THE RWANDA NATIONAL POLICE	<u>CHAPITRE III:</u> ORGANISATION ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE DIRECTION ET DES SERVICES DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA
<u>Ingingo ya 10:</u> Inzego z'ubuyobozi za Polisi y'u Rwanda	<u>Article 10:</u> Management organs of the Rwanda National Police	<u>Article 10:</u> Organes de direction de la Police Nationale du Rwanda
<u>Ingingo ya 11:</u> Imiterere n'inshingano by'inzego z'ubuyobozi	<u>Article 11:</u> Organization and responsibilities of the management organs	<u>Article 11:</u> Organisation et attributions des organes de direction
<u>Ingingo ya 12:</u> Ishyirwaho rya Ensipegiteri Jenerali wa Polisi y'u Rwanda n'umwungirije	<u>Article 12:</u> Appointment of the Inspector General and Deputy Inspector General of the Rwanda National Police	<u>Article 12:</u> Nomination de l'Inspecteur Général et l'Inspecteur Général adjoint de la Police Nationale du Rwanda
<u>Ingingo ya 13:</u> Imiterere y'imirimo	<u>Article 13:</u> Organisational structure	<u>Article 13:</u> Cadre organique
<u>UMUTWE WA IV:</u> UBUBASHA BWA POLISI Y'U RWANDA	<u>CHAPTER IV:</u> POWERS OF THE RWANDA NATIONAL POLICE	<u>CHAPITRE IV:</u> COMPETENCES DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA
<u>Ingingo ya 14:</u> Ifasi y'ububasha bwa Polisi y'u Rwanda	<u>Article 14:</u> Territorial jurisdiction of the Rwanda National Police	<u>Article 14:</u> Compétence territoriale de la Police Nationale
<u>Icyiciro cya mbere :</u> Ihagarika n'igenzura ry'abantu n'ibintu	<u>Section One:</u> Arrest of persons and search of persons and property	<u>Section première :</u> Arrestation des personnes et contrôle des personnes et des biens
<u>Ingingo ya 15:</u> Ihagarika n'ikurikirana ry'ubangamiye umutekano	<u>Article 15:</u> Arrest and prosecution of a person violating security	<u>Article 15:</u> Arrestation et poursuite d'une personne portant atteinte à la sécurité
<u>Ingingo ya 16:</u> Igenzura ry'ibyangombwa biranga umuntu	<u>Article 16:</u> Verification of identity documents	<u>Article 16 :</u> Contrôle des pièces d'identité

<u>Ingingo ya 17:</u> Ihagarika mu rwego rwo kubungabunga umutekano nta rupapuro rubitangira ububasha	<u>Article 17:</u> Arrest without arrest warrant for security reasons	<u>Article 17:</u> Arrestation sans mandat d'arrêt pour des raisons de sécurité
<u>Ingingo ya 18:</u> Iyandikwa ry'uwafashwe agashyirwa mu maboko ya Polisi	<u>Article 18:</u> Registration of an arrested person and placed under police custody	<u>Article 18:</u> Enregistrement d'une personne arrêtée et détenue par la Police
<u>Ingingo ya 19:</u> Ishyirwa mu bitangamakuru ry'ushakishwa	<u>Article 19:</u> Publishing the names of a wanted person in the media	<u>Article 19:</u> Publication dans les media les noms d'une personne recherchée
<u>Ingingo ya 20:</u> Ifatwa ry'ibimenyetso byose biranga umuntu ukekwa icyaha	<u>Article 20:</u> Recording of all physical identification of a suspect	<u>Article 20:</u> Enregistrement de tous les éléments d'identification d'un suspect
<u>Ingingo ya 21:</u> Ihagarika ry'umusirikare wagize uruhare mu cyaha	<u>Article 21:</u> Arrest of a soldier involved in the commission of an offence	<u>Article 21:</u> Arrestation d'un militaire impliqué dans la commission d'une infraction
<u>Ingingo ya 22:</u> Ikurikiranwa ry'iyubahiriza ry'ibyemezo byafatiwe abarekuwe by'agateganyo	<u>Article 22:</u> Monitoring compliance with conditions of release on parole	<u>Article 22:</u> Suivi du respect des conditions de libération conditionnelle
<u>Ingingo ya 23:</u> Ishyirwaho rya bariyeri	<u>Article 23:</u> Roadblocks	<u>Article 23:</u> Erection de barrières
<u>Ingingo ya 24:</u> Igotwa ry'ahantu	<u>Article 24:</u> Cordoning of an area	<u>Article 24:</u> Bouclage d'un quartier
<u>Ingingo ya 25:</u> Gukora inyandiko-mvugo y'umurambo no gutabara abari mu kaga	<u>Article 25:</u> Reporting on dead bodies and rescuing persons in danger	<u>Article 25:</u> Dresser un procès-verbal de la situation d'un cadavre et assistance aux personnes en danger
<u>Ingingo ya 26:</u> Ibuzwa ry'inyamaswa guhungabanya umutekano w'abantu n'ibintu	<u>Article 26:</u> Preventing animals from harming persons and property	<u>Article 26:</u> Protection des personnes et des biens contre les animaux
<u>Icyiciro cya 2:</u> Isaka	<u>Section 2:</u> Search	<u>Section 2 :</u> Fouille
<u>Ingingo ya 27:</u> Isaka rigamije kugenzura ko umuntu nta ntwaro cyangwa ikindi kintu	<u>Article 27:</u> Search to ensure that a person is not	<u>Article 27:</u> Fouille en vue de s'assurer qu'une personne ne porte pas d'arme ou tout autre

cyabangamira umutekano afite	carrying an arm or any other dangerous object	objet dangereux pour l'ordre public
<u>Ingingo ya 28</u> : Isaka ku mpamvu z'iperereza	<u>Article 28</u> : Search for investigative purposes	<u>Article 28</u> : Fouille pour des raisons d'enquête
<u>Ingingo ya 29</u> : Isaka nta rupapuro rw'isaka	<u>Article 29</u> : Search without a warrant	<u>Article 29</u> : Perquisition sans mandat
<u>Ingingo ya 30</u> : Isaka rigamije kuzuzura ibiva cyangwa ibijya mu mahanga	<u>Article 30</u> : Search to control movement of goods in transit	<u>Article 30</u> : Perquisition en vue de contrôler le mouvement de marchandises en transit
<u>Ingingo ya 31</u> : Isaka ry'ikinyabiziga giteye amakenga	<u>Article 31</u> : Search of a suspicious vehicle	<u>Article 31</u> : Perquisition de véhicule suspect
<u>Ingingo ya 32</u> : Ifatwa ry'ibintu byimukanwa bitagira nyirabyo	<u>Article 32</u> : Seizure of abandoned movable property	<u>Article 32</u> : Saisie des biens mobiliers abandonnés
<u>Icyiciro cya 3</u> : Ihagarika, iyobora n'ikumira ry'ibinyabiziga	<u>Section 3</u> : Road traffic control	<u>Section 3</u> : Régulation de la circulation routière
<u>Ingingo ya 33</u> : Ihagarika n'iyobora ry'ibinyabiziga mu muhanda	<u>Article 33</u> : Road traffic control	<u>Article 33</u> : Régulation de la circulation routière
<u>Ingingo ya 34</u> : Ikumira ry'ibinyabiziga	<u>Article 34</u> : Blocking vehicle access to roads	<u>Article 34</u> : Interdiction de l'accès à certaines voies pour les véhicules
<u>Icyiciro cya 4</u> : Amakoraniro n'imyivumbagatanyo	<u>Section 4</u> : Rallies and demonstrations	<u>Section 4</u> : Rassemblements et manifestations
<u>Ingingo ya 35</u> : Imenyeshwa ry'impushya zo gukora amakoraniro	<u>Article 35</u> : Notification of authorization to hold rallies	<u>Article 35</u> : Notification de l'autorisation des rassemblements
<u>Ingingo ya 36</u> : Icunga ry'umutekano w'ahabereye amakoraniro	<u>Article 36</u> : Maintaining security at rally venues	<u>Article 36</u> : Maintien de la sécurité du lieu de tenue des rassemblements
<u>Icyiciro cya 5</u> : Gukoresha imbaraga	<u>Section 5</u> : Use of force	<u>Section 5</u> : Recours à la force
<u>Ingingo ya 37</u> : Ikoreshwa ry'imbaraga	<u>Article 37</u> : Use of force	<u>Article 37</u> : Recours à la force

<u>Ingingo ya 38:</u> Ikoreshwa ry'imbunda	<u>Article 38:</u> Use of firearms	<u>Article 38:</u> Usage d'armes à feu
<u>Ingingo ya 39:</u> Kwinjira ahantu hakoreshejwe imbaraga	<u>Article 39:</u> Forced entry	<u>Article 39:</u> Entrée forcée
<u>UMUTWE WA V: IMIKORANIRE YA POLISI Y'URWANDA N'IZINDI NZEGO</u>	<u>CHAPTER V: COLLABORATION BETWEEN THE RWANDA NATIONAL POLICE AND OTHER INSTITUTIONS</u>	<u>CHAPITRE V : COLLABORATION ENTRE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA ET LES AUTRES INSTITUTIONS</u>
<u>Ingingo ya 40:</u> Imikoranire n'iherekanya ry'amakuru	<u>Article 40:</u> Collaboration and exchange of information	<u>Article 40:</u> Collaboration et échange d'informations
<u>Ingingo ya 41:</u> Imikoranire ya Polisi y'u Rwanda n'ibigo by'abikorera birinda umutekano w'abantu n'ibintu	<u>Article 41:</u> Collaboration between the Rwanda National Police and private security companies	<u>Article 41:</u> Collaboration entre la Police Nationale du Rwanda et des sociétés privées de gardiennage
<u>Ingingo ya 42:</u> Amategeko yihariye agenga umupolisi uri mu mirimo y'ubugenzacyaha	<u>Article 42:</u> Special laws governing judicial police officers	<u>Article 42:</u> Lois particulières régissant les officiers de police judiciaire
<u>UMUTWE WA VI: IMARI N'UMUTUNGO BYA POLISI Y' U RWANDA</u>	<u>CHAPTER VI: FINANCE AND PROPERTY OF THE RWANDA NATIONAL POLICE</u>	<u>CHAPITRE VI : FINANCES ET PATRIMOINE DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA</u>
<u>Ingingo ya 43:</u> Inkomoko y'umutungo wa Polisi y'u Rwanda	<u>Article 43:</u> Source of the property of the Rwanda National Police	<u>Article 43:</u> Source du patrimoine de la Police Nationale du Rwanda
<u>Ingingo ya 44:</u> Ushinzwe gucunga ingengo y'imari muri Polisi y' u Rwanda	<u>Article 44:</u> Chief Budget Manager of the Rwanda National Police	<u>Article 44:</u> Responsable du budget de la Police Nationale du Rwanda
<u>Ingingo ya 45:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 45:</u> Use, management and audit of the property	<u>Article 45:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 46:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa	<u>Article 46:</u> Drafting, consideration and	<u>Article 46:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi

ry'iri tegeko

Ingingo ya 47: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuraniye n'iri tegeko

Ingingo ya 48: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

adoption of this Law

Article 47: Repealing provision

Article 48: Commencement

Article 47: Disposition abrogatoire

Article 48: Entrée en vigueur

**ITEGEKO N°46/2010 RYO KUWA LAW N°46/2010 OF 14/12/2010 LOI N°46/2010 DU 14/12/2010 PORTANT
14/12/2010 RIGENA UBUBASHA, DETERMINING THE POWERS, COMPETENCES, ATTRIBUTIONS,
INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE RESPONSIBILITIES, ORGANIZATION AND ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT
N'IMIKORERE BYA POLISI Y' U RWANDA FUNCTIONING OF THE RWANDA DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA
NATIONAL POLICE**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU
IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U
RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND
WE SANCTION, PROMULGATE THE
FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE
OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS
QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL
OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU
RWANDA**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 18
Ukwakira 2010;

The Chamber of Deputies, in its session of 18
October 2010;

La Chambre des Députés, en sa séance du 18
octobre 2010;

Sena, mu nama yayo yo kuwa 14 Nyakanga 2010;

The Senate, in its session of 14 July 2010;

Le Sénat, en sa séance du 17 juillet 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko
ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90,
iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya
169, iya 170 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of
Rwanda of 04 June 2003 as amended to date,
especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93,
94, 95, 108, 113, 169, 170 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du
04 juin 2003 telle que révisée à ce jour,
spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90,
92, 93, 94, 95, 108, 113, 169, 170 et 201;

Official Gazette n° 09 of 28/02/2011

Ishingiye ku Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa Muntu ryo kuwa 10/12/1948, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 9, iya 11 n'iya 12;	Pursuant to the Universal Declaration of Human Rights of 10/12/1948, especially in Articles 5, 9, 11 and 12;	Vu la Déclaration Universelle des Droits de l'Homme du 10/12/1948, spécialement en ses articles 5, 9, 11 et 12 ;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 37/2006 ryo kuwa 12/09/2006 ryerekeye Imari n'Umutungo bya Leta, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 20;	Pursuant to Organic Law n° 37/2006 of 12/9/2006 on State finances and property as modified and complemented to date, especially in Article 20;	Vu la Loi Organique n° 37/2006 du 12/09/2006 relative aux finances et au patrimoine de l'Etat, telle que modifiée et complétée à ce jour, spécialement en son article 20 ;
Ishingiye ku Itegeko n°13/2004 ryo kuwa 17/05/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;	Pursuant to Law n° 13/2004 of 17/05/2004 relating to the code of criminal procedure as modified and complemented to date;	Vu la Loi n° 13/2004 du 17/05/2004 portant code de procédure pénale telle que modifiée et complétée à ce jour ;
Ishingiye ku Itegeko n°45/2008 ryo kuwa 09/09/2008 ryerekeye kurwanya iterabwoba, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 17, iya 32, iya 42, iya 43, iya 44, iya 45, iya 46, iya 47, iya 48, iya 49, iya 51, iya 53, iya 54, iya 56, iya 58, 68 n'iya 70;	Pursuant to Law n° 45/2008 of 09/09/2008 on counter terrorism, especially in Articles 17, 32, 42, 43, 44, 45, 46, 47, 48, 49, 51, 53, 54, 56, 58, 68 and 70;	Vu la Loi n° 45/2008 du 09/09/2008 relative à la lutte contre le terrorisme, spécialement en ses articles 17, 32, 42, 43, 44, 45, 46, 47, 48, 49, 51, 53, 54, 56, 58, 68 et 70;
Ishingiye ku Itegeko n°47/2008 ryo kuwa 09/09/2008 rikumira kandi rihana iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 21, ya 23, iya 24 n'iya 25;	Pursuant to Law n° 47/2008 of 09/09/2008 on prevention and punishment of the crime of money laundering and financing terrorism, especially in Articles 20, 21, 23, 24 and 25;	Vu la Loi n° 47/2008 de 09/09/2008 relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux et du financement du terrorisme, spécialement en ses articles 20, 21, 23, 24 et 25 ;
Ishingiye ku Itegeko n°33/2009 ryo kuwa 18/11/2009 ryerekeye intwaro;	Pursuant to Law n° 33/2009 of 18/11/2009 relating to arms;	Vu la Loi n° 33/2009 du 18/11/2009 portant régime des armes;
Isubiye ku Itegeko n°09/2000 ryo kuwa 16/06/2000 rishyiraho Polisi y'Igihugu kandi rigena imitunganyirize rusange n'ububasha byayo;	Having reviewed Law n° 09/2000 of 16/06/2000 on the establishment, general organisation and jurisdiction of the National Police;	Revu la Loi n° 09/2000 du 16/06/2000 portant création, organisation générale et compétence de la Police Nationale;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTÉ:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena ububasha, inshingano, imitunganyirize n'imikorere bya Polisi y'u Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

- 1° **“Polisi y'u Rwanda”** : urwego rushinzwe kurinda umutekano w'abantu n'ibintu kandi rufite ububasha bwo gukorera mu ifasi yose ya Repubulika y'u Rwanda;
- 2° **“Minisitiri”**: Minisitiri ufite Polisi y' u Rwanda mu nshingano ze;
- 3° **“Inama Nkuru”** : Urwego Rukuru rwa Polisi y' u Rwanda ;
- 4° **« Ensipegiteri Jenerali wa Polisi »** : ukuriye Polisi y'u Rwanda ;
- 5° **“Ubuyobozi nshingwabikorwa”** : urwego rushinzwe guhuza ibikorwa bya buri muni bya Polisi y'u Rwanda ;
- 6° **“Intara ya Polisi”** : ifasi igizwe n'Uturere twa Polisi ishyirwaho n'Iteka rya Perezida;

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law determines powers, responsibilities, organization and functioning of Rwanda National Police.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall be defined as follows:

- 1° **“Rwanda National Police”**: organ in charge of the safety and security of people and their properties and which has jurisdiction over the entire territory of the Republic of Rwanda;
- 2° **“Minister”**: Minister in charge of Rwanda National Police;
- 3° **“High Council”**: Supreme organ of Rwanda National Police;
- 4° **“Inspector General of Police”**: Head of Rwanda National Police;
- 5° **“Executive Authority”**: organ responsible for coordinating the daily activities of Rwanda National Police;
- 6° **“Police region”**: territorial jurisdiction composed of Police Districts established by a Presidential Order;

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi détermine la compétence, les attributions, l'organisation et le fonctionnement de la Police Nationale du Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

- 1° **« Police Nationale du Rwanda »** : organe chargé d'assurer la sécurité des personnes et de leurs biens et ayant compétence sur l'ensemble du territoire de la République du Rwanda;
- 2° **« Ministre »** : Ministre ayant la Police Nationale du Rwanda dans ses attributions ;
- 3° **« Haut Conseil »** : Organe suprême de la Police Nationale du Rwanda;
- 4° **« Inspecteur Général de Police »** : chef de la Police Nationale du Rwanda;
- 5° **« Direction Exécutive »** : organe chargé de la coordination des activités quotidiennes de la Police Nationale du Rwanda;
- 6° **« Région de police »** : zone de compétence territoriale composée de districts de police et déterminée par arrêté présidentiel;

Official Gazette n° 09 of 28/02/2011

- | | | |
|--|---|---|
| 7° “ Akarere ka Polisi ” : ifasi igenwa n’iteka rya Perezida; | 7° “ Police District ”: territorial jurisdiction determined by a Presidential Order; | 7° « District de police » : compétence territoriale déterminée par arrêté présidentiel; |
| 8° “ Intera ” : ubusumbane bw’amapeti y’abapolisi agenwa na sitati yihariye igenga abapolisi; | 8° “ Rank ”: hierarchy of grades of police officers determined by specific statute for police officers; | 8° « Echelon » : hiérarchie des grades des policiers déterminés par le Statut particulier des policiers; |
| 9° “ Umuntu uri mu maboko ya Polisi ” : umuntu washyizwe muri kasho ya Polisi y’u Rwanda ku mpamvu z’umutekano cyangwa z’ubugenzacyaha hakurikijwe ibiteganywa n’amategeko. | 9° “ Person in Police custody ”: person lawfully held in a Rwanda National Police cell for security or investigation purposes. | 9° « Personne détenue par la police » : personne placée en détention au cachot de la Police Nationale du Rwanda conformément à la loi pour des raisons de sécurité ou d’enquête. |

Ingingo ya 3: Minisiteri ireberera Polisi y’u Rwanda

Polisi y’u Rwanda irebererwa na Minisiteri ifite Polisi y’u Rwanda mu nshingano zayo.

Ingingo ya 4 : Icyicaro gikuru

Polisi y’u Rwanda ifite icyicaro gikuru mu Murwa Mukuru wa Repubulika y’u Rwanda.

Ingingo ya 5: Ubwisanzure mu micungire y’umutungo n’abakozi

Polisi y’u Rwanda ifite ubwisanzure mu micungire y’umutungo n’abakozi byayo.

Article 3: Supervising Ministry of the Rwanda National Police

The Rwanda National Police shall be supervised by the Ministry in charge of the Rwanda National Police.

Article 4: Headquarters

The Rwanda National Police headquarters shall be located in the Capital City of the Republic of Rwanda.

Article 5: Financial and administrative autonomy

The Rwanda National Police shall enjoy financial and administrative autonomy.

Article 3: Ministère de tutelle de la Police Nationale du Rwanda

La Police Nationale du Rwanda est placée sous la tutelle du Ministère ayant la Police Nationale du Rwanda dans ses attributions.

Article 4: Quartier Général

Le quartier général de la Police Nationale du Rwanda est établi dans la Capitale de la République du Rwanda.

Article 5: Autonomie financière et administrative

La Police Nationale du Rwanda jouit de l’autonomie financière et administrative.

**UMUTWE WA II: AMAHAME
N'INSHINGANO BYA POLISI Y'U RWANDA**

Ingingo ya 6: Amahame Polisi y' u Rwanda igenderaho

Polisi y' u Rwanda ifite ububasha mu gihugu hose. Igomba gukorera abaturage ishingiyeye cyane cyane ku mahame akurikira :

- 1° kubumbatira uburenganzira bw'ibanze buteganywa n' Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
- 2° kubumbatira umutekano w'abantu n'ibintu;
- 3° kugira imikoranyire myiza n' abaturage;
- 4° kugaragariza abaturage uburyo yuzuzura inshingano zayo;
- 5° kumva ko abaturage bafite uburenganzira bwo kugenzura imikorere yayo.

Ingingo ya 7: Inshingano za Polisi y' u Rwanda

Polisi y' u Rwanda ifite inshingano z'ingenzi

CHAPTER II: PRINCIPLES AND RESPONSIBILITIES OF THE RWANDA NATIONAL POLICE

Article 6: Principles of the Rwanda National Police

The Rwanda National Police shall have jurisdiction over the entire national territory. It shall have the duty to serve the people on the basis of the following principles:

- 1° safeguarding the fundamental rights guaranteed by the Constitution and other laws;
- 2° maintaining safety and security of people and property;
- 3° working in harmonious collaboration with the community;
- 4° being accountable to the community;
- 5° understanding the people's right to monitor its activities.

Article 7: Responsibilities of Rwanda National Police

Rwanda National Police shall have the following

CHAPITRE II: PRINCIPES ET ATTRIBUTIONS DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA

Article 6 : Principes de la Police Nationale du Rwanda

La Police Nationale du Rwanda a compétence sur l'ensemble du territoire national. Elle a l'obligation de servir le peuple sur base des principes suivants:

- 1° la sauvegarde des droits fondamentaux garantis par la Constitution et d'autres lois;
- 2° le maintien de la sécurité des personnes et des biens ;
- 3° la collaboration harmonieuse avec la population;
- 4° la reddition de comptes de ses actions devant la population;
- 5° la conviction que la population a le droit de faire le suivi de l'accomplissement de sa mission.

Article 7: Attributions de la Police Nationale du Rwanda

Les attributions principales de la Police Nationale

zikurikira:

- 1° kugenzura ko amategeko yubahirizwa;
- 2° kubungabunga umutekano imbere mu Gihugu;
- 3° kurinda umutekano w'abantu n'uw'ibintu byabo;
- 4° kugoboka umuntu wese uri mu byago;
- 5° kwihutira gutabara iyo habaye amakuba, ibyago cyangwa impanuka;
- 6° kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko agenga ikirere, imipaka n'amazi;
- 7° kurwanya iterabwoba;
- 8° kugira uruhare mu bikorwa bigarura amahoro mu rwego mpuzamahanga, mu by'ubutabazi n'iby'amahugurwa.

Ingingo ya 8: Ibikorwa by'ingenzi bya Polisi y'u Rwanda mu kurangiza inshingano zayo

Mu kurangiza inshingano zayo, Polisi y'u Rwanda yibanda kuri ibi bikorwa bikurikira:

- 1° kurinda umutekano wo ku butaka, mu mazi no mu kirere;
- 2° gukumira, gushakisha, guperereza no kugenza ibyaha;
- 3° gukora igenzura rusange ry'ahantu hose ibona ari ngombwa;
- 4° gushyira mu bikorwa amabwiriza yerekeranye n'imirimu yo kubungabunga umutekano;
- 5° gucunga umutekano wo mu muhanda;
- 6° kurinda umutekano mu nkiko;

major responsibilities:

- 1° ensuring compliance with the law;
- 2° maintaining public order inside the country;
- 3° ensuring safety and security of people and property;
- 4° assisting any person in danger;
- 5° immediately intervening in case of calamities, disasters or accidents;
- 6° ensuring respect of laws relating to airspace, borders and waters;
- 7° combating terrorism;
- 8° participating in international peacekeeping missions, humanitarian assistance and training.

Article 8: Main activities carried out by the Rwanda National Police in the accomplishment of its mission

Pursuant to the accomplishment of its mission, the Rwanda National Police shall prioritize the following activities:

- 1° ensuring ground, lakemaritime and airspace safety;
- 2° preventing, detecting and investigating offences;
- 3° conducting general inspection of any premises it deems necessary;
- 4° implementing instructions relating to the maintaining of the security;
- 5° ensuring road safety;
- 6° ensuring security in courts;

du Rwanda sont les suivantes:

- 1° assurer le respect de la loi;
- 2° maintenir l'ordre public à l'intérieur du pays;
- 3° assurer la sécurité des personnes et de leurs biens;
- 4° assister toute personne en danger ;
- 5° intervenir sans délai en cas de calamités, de catastrophes ou d'accidents;
- 6° assurer la police de l'air, des frontières et des eaux;
- 7° combattre le terrorisme;
- 8° participer aux missions internationales de maintien de la paix, de secours et de formation.

Article 8: Activités principales de la Police Nationale du Rwanda dans l'accomplissement de sa mission

Dans l'accomplissement de sa mission, la Police Nationale du Rwanda se focalise sur les activités suivantes :

- 1° assurer la sécurité terrestre, lacustre et aérienne;
- 2° prévenir, détecter et enquêter les infractions;
- 3° faire une inspection générale sur tous les lieux qu'elle juge nécessaire;
- 4° exécuter les mesures relatives au maintien de la sécurité;
- 5° assurer la sécurité routière;
- 6° assurer la sécurité des cours et tribunaux;

- | | | |
|--|--|---|
| 7° gufatanya na Polisi z'ibindi bihugu mu kurwanya ibyaha ndengamipaka; | 7° cooperating with police of foreign countries in combating transnational offences; | 7° collaborer avec la police des pays étrangers en vue de combattre les infractions transfrontalières; |
| 8° kurinda umutekano w'abayobozi bakuru b'Igihugu n'uw'abashyitsi b'u Rwanda keretse iyo itegeko ryihariye ribiteganyanya ukundi; | 8° ensuring security of national official dignitaries and visitors to Rwanda unless otherwise provided for by a specific law; | 8° assurer la sécurité des hautes autorités du pays et celle des invités du Rwanda à moins qu'une loi particulière n'en dispose autrement; |
| 9° kurwanya inkongi y'umuriro; | 9° providing fire-fighting services; | 9° lutter contre les incendies; |
| 10° guhuza ibikorwa by'ubutabazi mu gihe cy'amakuba, ibyago cyangwa impanuka; | 10° coordinating humanitarian activities in case of calamities, disasters or accidents; | 10° coordonner les activités humanitaires en cas de calamités, de catastrophes ou d'accidents; |
| 11° guhuza ibikorwa by'ubugenzacyaha bukorwa n'izindi nzego zabihereye ububasha n'amategeko yihariye uretse abagenzacyaha ba Gisirikari. | 11° by virtue of provisions of specific laws coordinating activities of judicial police conducted by other competent organs except military prosecutors. | 11° coordonner les activités de la police judiciaire effectuées par d'autres organes compétents en vertu des lois particulières à l'exception de celles de l'Auditorat Militaire. |

Ingingo ya 9: Ibiranga umupolisi uri mu kazi

Umupolisi wese uri mu kazi arangwa n'umwambaro w'umupolisi. Umupolisi uri mu kazi atambaye umwambaro w'umupolisi agomba kubanza kwerekana ikarita iranga umupolisi.

UMUTWE WA III: IMITERERE N'INSHINGANO BY'INZEGO Z'UBUYOBOZI N'IZ'IMIRIMO BYA POLISI Y'U RWANDA

Ingingo ya 10: Inzego z'ubuyobozi za Polisi y'u Rwanda

Inzego z'ubuyobozi za Polisi y'u Rwanda ni izi zikurikira :

- 1° Inama Nkuru;

Article 9: Identification of a police officer on duty

While performing his/her duties, any police officer shall wear a police uniform. If a police officer on duty is not in a police uniform, he/she shall present his/her police identification card before performing such duties.

CHAPTER III: ORGANISATION AND RESPONSIBILITIES OF MANAGEMENT ORGANS AND SERVICES OF THE RWANDA NATIONAL POLICE

Article 10: Management organs of the Rwanda National Police

The management organs of the Rwanda National Police shall be the following:

- 1° The High Council;

Article 9: Identification d'un policier dans l'exercice de ses fonctions

Tout policier doit porter son uniforme dans l'exercice de ses fonctions. Tout policier qui ne porte pas son uniforme dans l'exercice de ses fonctions doit préalablement exhiber sa carte d'identification.

CHAPITRE III: ORGANISATION ET ATTRIBUTIONS DES ORGANES DE DIRECTION ET DES SERVICES DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA

Article 10: Organes de direction de la Police Nationale du Rwanda

Les Organes de direction de la Police Nationale du Rwanda sont les suivants :

- 1° Le Haut Conseil ;

2° Ubuyobozi Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 11: Imiterere n'inshingano by'inzego z'ubuyobozi

Imiterere n'inshingano by'inzego z'ubuyobozi bya polisi bigenwa na sitati yihariye igenga abapolisi ishyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Ingingo ya 12: Ishyirwaho rya Ensipegeteri Jenerali wa Polisi y'u Rwanda n'umwungirije

Ensipegeteri Jenerali wa Polisi y'u Rwanda yunganyirwa na Ensipegeteri Jenerali Wungirije nibura umwe (1). Bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

Mbere yo gutangira imirimo, barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga.

Inshingano za Ensipegeteri Jenerali na Ensipegeteri Jenerali Wungirije ba Polisi y' u Rwanda zigenwa na sitati igenga abapolisi.

Ingingo ya 13: Imiterere y'imirimo

Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo n'inshingano z'abakozi ba Polisi y' u Rwanda bigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

2° The Executive Authority.

Article 11: Organization and responsibilities of the management organs

The organization and responsibilities of the management organs of the police shall be determined by a specific statute relating to police officers and instituted by a Presidential Order.

Article 12: Appointment of the Inspector General and Deputy Inspector General of the Rwanda National Police

The Inspector General of the Rwanda National Police shall be assisted by at least one Deputy Inspector General. They shall be appointed by a Presidential Order.

Prior to taking office, they shall take the oath of office before the President of the Republic, the Parliament and the Supreme Court.

The responsibilities of the Inspector General and the Deputy Inspector General of the Rwanda National Police shall be determined by the statute relating to police officers.

Article 13: Organisational structure

The Organisational structure of the Rwanda National Police shall be determined by a Prime Minister's Order.

2° La Direction Exécutive.

Article 11: Organisation et attributions des organes de direction

L'organisation et les attributions des organes de direction de la police sont déterminées par le statut particulier des policiers institué par arrêté présidentiel.

Article 12: Nomination de l'Inspecteur Général et l'Inspecteur Général adjoint de la Police Nationale du Rwanda

L'Inspecteur Général de la Police Nationale du Rwanda est assisté par, au moins, un Inspecteur Général Adjoint. Ils sont nommés par Arrêté Présidentiel.

Avant d'entrer en fonction, ils prêtent serment devant le Président de la République, le Parlement et la Cour Suprême.

Les attributions de l'Inspecteur Général et de l'Inspecteur Général Adjoint de la Police Nationale du Rwanda sont déterminées par le statut des policiers.

Article 13: Cadre organique

Le cadre organique de la Police Nationale du Rwanda est déterminé par arrêté du Premier Ministre.

UMUTWE WA IV: UBUBASHA BWA POLISI Y'U RWANDA

Ingingo ya 14: Ifasi y'ububasha bwa Polisi y'u Rwanda

Polisi y'u Rwanda ifite ububasha mu gihugu hose.

Icyiciro cya mbere : Ihagarika n'igenzura ry'abantu n'ibintu

Ingingo ya 15: Ihagarika n'ikurikirana ry'ubangamiye umutekano

Polisi y'u Rwanda ihagarika ikanakurikirana umuntu wese ubangamiye umutekano.

Ingingo ya 16: Igenzura ry'ibyangombwa biranga umuntu

Polisi y'u Rwanda igenzura niba umuntu wese uri ku ifasi ya Repubulika y'u Rwanda afite ibyangombwa bimuranga, igahagarika utabifite.

Ishobora kandi guhagarika cyangwa gukurikirana umuntu wese ufite imyifatire iteye amakenga.

Ihagarikwa ntirishobora kurenza amasaha Polisi y'u Rwanda yemerewe kugumana umuntu kubera impamvu z'iperereza.

CHAPTER IV: POWERS OF THE RWANDA NATIONAL POLICE

Article 14: Territorial jurisdiction of the Rwanda National Police

The Rwanda National Police shall have competence over the entire national territory.

Section One: Arrest of persons and search of persons and property

Article 15: Arrest and prosecution of a person violating security

The Rwanda National Police shall arrest and prosecute any person who violates security.

Article 16: Verification of identity documents

The Rwanda National Police shall verify the identity of every person present on the territory of the Republic of Rwanda and arrest any person who does not possess proper identity documents.

It may also arrest or prosecute any person whose conduct appears to be suspicious.

The duration of arrest shall not exceed the maximum detention period prescribed by law for investigation by the Rwanda National Police.

CHAPITRE IV: COMPETENCES DE LA POLICE NATIONALE DU RWANDA

Article 14: Compétence territoriale de la Police Nationale

La Police Nationale du Rwanda a compétence sur l'ensemble du territoire national.

Section première : Arrestation des personnes et contrôle des personnes et des biens

Article 15: Arrestation et poursuite d'une personne portant atteinte à la sécurité

La Police Nationale du Rwanda arrête et poursuit toute personne portant atteinte à la sécurité.

Article 16 : Contrôle des pièces d'identité

La Police Nationale du Rwanda effectue des contrôles pour s'assurer que toute personne se trouvant sur le territoire de la République du Rwanda possède des pièces d'identité et arrête toute personne qui n'en dispose pas.

Elle peut également arrêter ou engager des poursuites contre toute personne au comportement suspect.

La durée d'arrestation ne peut dépasser les heures maximales de détention autorisées à la Police Nationale du Rwanda aux fins d'enquête.

Ingingo ya 17: Ihagarika mu rwego rwo kubungabunga umutekano nta rupapuro rubitangira ububasha

Mu rwego rwo kubungabunga umutekano, umupolisi ashobora guhagarika umuntu atagomye kwitwaza urupapuro rubitangira ububasha mu gihe asanze :

- 1° akora icyaha cyangwa yenda kugikora;
- 2° abangamira iyubahirizwa ry'uburenganzira bwo kugenda mu nzira nyabagendwa nta nkomyi ;
- 3° ahungabanya umutekano.

Guhagarika umuntu ntibishobora kurenza igihe giteganywa n'amategeko.

Umuntu wese uhagaritswe mu rwego rwo kubungabunga umutekano ashobora gusaba ko umuntu yihitiyemo abimenyeshwa.

Ingingo ya 18: Iyandikwa ry'uwafashwe agashyirwa mu maboko ya Polisi

Umuntu ufashwe agashyirwa mu maboko ya Polisi yandikwa mu bitabo byabugenewe, hagaragazwa umwirondoro we, igihe yafatiwe n'impamvu.

Ingingo ya 19: Ishyirwa mu bitangamakuru ry'ushakishwa

Iyo bikenewe Polisi y' u Rwanda ishobora

Article 17: Arrest without arrest warrant for security reasons

A police officer may, in order to ensure security, apprehend any person without arrest warrant if he/she observes such a person:

- 1° committing or attempting to commit an offence;
- 2° obstructing free passage in a public space;
- 3° disturbing public order.

The arrest of a person shall not exceed the period prescribed by the law.

Any arrested person may request that a person of his/her choice be notified of his/her arrest for security reasons.

Article 18: Registration of an arrested person and placed under police custody

Any person arrested and placed under police custody shall be recorded in registers kept for that purpose by indicating his/her identity and the time of and reason for his/her arrest.

Article 19: Publishing the names of a wanted person in the media

If deemed necessary, the Rwanda National Police

Article 17: Arrestation sans mandat d'arrêt pour des raisons de sécurité

Un policier peut, dans le cadre d'assurer la sécurité, procéder sans mandat d'arrêt, à l'arrestation d'une personne s'il constate qu'elle:

- 1° est en train ou est sur le point de commettre une infraction;
- 2° fait obstacle à la libre circulation sur une voie publique;
- 3° perturbe l'ordre public.

L'arrestation d'une personne ne peut pas dépasser les délais prévus par la loi.

Toute personne qui fait l'objet d'une arrestation pour des raisons de sécurité peut demander qu'une personne de son choix en soit informée.

Article 18: Enregistrement d'une personne arrêtée et détenue par la Police

Une personne arrêtée et détenue par la police est inscrite dans les registres tenus à cet effet en indiquant son identité, l'heure et le motif de son arrestation.

Article 19: Publication dans les media des noms d'une personne recherchée

En cas de nécessité, la Police Nationale du

gushyira mu bitangamakuru cyangwa kumenyekanisha mu bundi buryo bwose ibiranga umuntu wese ukekwa icyaha ushakishwa, hakoreshejwe amafoto, ibishushanyo n'ibindi bisobanuro bya ngombwa.

Ingingo ya 20: Ifatwa ry'ibimenyetso byose biranga umuntu ukekwa icyaha

Kugira ngo ibimenyetso biranga umuntu ukekwa icyaha bishakwe kandi bibikwe, umupolisi amufata amafoto, amupima uburebure, amufata ibishushanyo by'ibirenge, iby'intoki, iby'ibiganza n'ibindi bizamini bishobora gufatwa n'impuguke.

Ingingo ya 21: Ihagarika ry'umusirikare wagize uruhare mu cyaha

Polisi y'u Rwanda ihagarika umusirikare wagize uruhare mu cyaha, ikihutira kubimenyeshya abayobozi bo mu rwego rwa gisirikare bireba.

Ingingo ya 22: Ikurikiranwa ry'iyubahiriza ry'ibyemezo byafatiwe abarekuwe by'agateganyo

Polisi y'u Rwanda imenyeshwa n'urwego rwafunguye by'agateganyo uwakatiwe, uwafunguwe by'agateganyo atarakatirwa, uwarekuwe atanze ingwate n'uwakatiwe isubika gifungo mu rwego rwo kugenzura ko bubahiriza ibyo basabwe n'urwego rwabarekuye.

may publish the identity of a wanted person, including photographs, pictures and other relevant details in the media or any other means.

Article 20: Recording of all physical identification of a suspect

For the purposes of collecting and recording identification details of a suspect, a police officer shall take the suspect's photos, measure his/her height, take footprints, fingerprints, palm prints and other tests in his/her expertise that may be necessary.

Article 21: Arrest of a soldier involved in the commission of an offence

The Rwanda National Police shall arrest any soldier involved in the commission of an offence and shall immediately inform relevant military authorities.

Article 22: Monitoring compliance with conditions of release on parole

